S.D. 6.5 pour classt,

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YA BA MILITANTE

NA BA MILITA BAGIZE SELIRE "MIJEUCOOP"

=-=-=-=-=-=-=- -=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=

(oct.)

Kuwa gatanu taliki ya 03 Ukwakira 1986, kuva saa mbili kugeza saa yine, Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, Lt Col BEM NDINDILIYIMANA Agusitini, yakoresheje inama Abamilitante n'Abamilita bagize Selire ayobora.

Iyo nama yali igamije kwibutsa abakozi imilimo bashinzwe no kubasobanulira ubulyo igomba gukorwa.

Ibyali biteganyijwe gusobanurwa ni ibi bikulikira :

1. Politiki ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative mu byerekeye kuyobora urubyiruko.
2. Uko Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ikwiye gukorana n'izindi Ministeri zirebwa n'ibibazo by'urubyiruko.
3. Programu yo gukora ibarura ly'ibikorwa n'imishinga byashobora guha akazi urubyiruko nk'uko Nyakubahwa Prezida wa Repubulika yabisabye igihe yasuraga Ikigo cya Univerisite i Nyakinama mu RUHENGERI.
4. Uko abakozi bajya mu butumwa bwa Ministeri hagati mu gihugu bagomba kwifata n'uko bagomba kubugeza kubo bugenewe.

I. <u>Politiki ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative mu byerekeye kuyobora urubyiruko.</u>

Ministri NDINDILIYIMANA yabanje kwibutsa abali mu nama ko ibibazo by'urubyiruko ali byinshi kandi ko kubibonera umuti bitoroshye. Muli Kongre ya gatanu isanzwe ya M.R.N.D. no mu ijambo Nyakubahwa Prezida wa Repubulika yavugiye mu Kigo cya Univerisite i Nyakinama muli Gicurasi 1986, yasabye ababishinzwe ko bakwiga ukuntu haboneka imilimo urubyiruko rushobora kuzakora mu minsi ili imbere. Abakozi ba Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative bashinzwe gutekereza bihagije kuli ibyo bibazo bakagerageza kubyumva no kubyumvisha abandi kugirango bibonerwe umuti.

Ministri yatanze urugero avuga ko ibarura riherutse gukorwa lyerekanye ko mu Rwanda ingo zali 1.000.000, urubyiruko rufite hagati y'imyaka 10 na 25 rugeze kuli 1.500.000. Umuntu akaba yakwibaza uko ingo zizashingwa n'urwo rubyiruko zizashobora kwitunga, tutibagiwe kandi n'izizashingwa n'urubyiruko rufite munsi y'imyaka 10.

Yakomeje avuga ko guhera igihe Urwanda rwaboneye ubwigenge, ubutegetsi bwihatiye kujijura umunyarwanda uwaliwe wese cyane cyane urubyiruko.

Guhera mu mwaka wa 1985 politiki yarahindutse ishaka ko abana b'abanyarwanda batozwa gukora, Leta igashakira urubyiruko icyo rukora kugirango umusaruro rushoboye kugeraho urufashe kubona icyo kulya, kwambara n'ibindi byatuma rubaho neza.

.../...

Ministri yongeye gusobanura uko politiki yo kuyobora urubyiruko iteye :

- <u>Kuyobora urubyiruko mu milyango ruvukamo</u>

Kubera ko igihugu kidashobora kubonera akazi urubyiruko rwose rugeze mu gihe cyo gukora, tugomba kurutoza kubaho nk'uko ba se na ba nyina babayeho kandi babaho kugeza ubu.
Dukwiye kwigisha no gutoza urubyiruko guhinga no korora bya kijyambere. Akaba alibwo bulyo buboneye bwo kubaho bw'umunyarwanda mujyambere.
Inganda n'Ubukolikoli ntibishobora gutanga imilimo yakwira urubyiruko kuko ni rwinshi.

Mu byerekeye uburezi, umwana agomba kurerwa n'ababyeyi be, agakurana ubwitonzi n'ikinyabupfura kandi agakunda umulimo. Ibyo bigomba gutangwamo urugero n'abitwa ko bajijutse;
Abaturage bagomba kubisobanulirwa mu biganiro bya Ministeri binyura buli cyumweru kuli radiyo, mu nyigisho zihabwa urubyiruko n'igihe turusura mu makomini no mu nama tugirana n'abategetsi n'abayobozi b'urubyiruko muli Komini na Prefegitura.

- <u>Kuyobora Urubyiruko duhereye kuli Politiki y'Igihugu</u>

Politiki ya M.R.N.D. niyo iduha inzira tugomba kunyuramo mu kuyobora urubyiruko dushinzwe. Tugomba kurukorera programu z'animasiyo n'umuganda. Abana bacu bagomba gukura bakunda igihugu cyababyaye, bagira ishyaka, bakorera igihugu nk'abikorera kandi bakunda bagenzi babo nk'uko bikunda, bagategurwa kuzavamo abayobozi beza b'abaturage mu gihe kili imbere.

Muli "Stratégie Sectorielle" ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative itegurwa hateganyijwe gushyiraho umunsi w'urubyiruko mu Rwanda; uwo munsi uzitwa mu gifaransa "Festival de la Jeunesse" uzajya wubahilizwa muli buli Komini. Urubyiruko ruzawubahiliza rwerekana imikino inyuranye, rumulika n'ibikorwa byarwo. Ba Burgumestiri bazajya bavuga ijambo lyerekeranye n'uwo munsi w'urubyiruko.
Azaba ali umwanya urubyiruko ruzaba rubonye wo kwiyerekana kugirango abarushinzwe mu nzego zose bagaragaze uko bateganya kurwitaho.
Ni ugutegereza rero igihe uwo munsi uzemezwa n'itegeko kugirango dutangire kuwubahiliza.

- <u>Kuyobora urubyiruko mu byerekeye ubukungu</u>

Guhera mu mwaka w'1985, umwaka witiliwe urubyiruko ku isi hose, Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yafashe icyemezo cyo gukoresha irushanwa ly'amashyirahamwe y'urubyiruko buli mwaka. Ishyiraho igikombe muli buli Prefegitura kizajya gihabwa ishyirahamwe lyabaye ilya mbere.

.../...

Akaba alibwo bulyo bworoshye bwatuma tugera ku rubyiruko rwinshi. Aliko muli iyo programu hakwiye kuzamo buli mwaka akantu gashya katuma urubyiruko rushishikalira gukora.
Kongre ya gatanu isanzwe ya M.R.N.D. yasabye Leta gutera inkunga urubyiruko no gushyigikira ibikorwa byarwo. Guhera umwaka ushize Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yagerageje kubahiliza icyo kifuzo yohereza muli buli Prefegitura amafaranga yo gufasha amashyirahamwe y'urubyiruko. Aliko kubera ko ubwo bulyo budahagije, Ministri yasabye abakozi babishinzwe (planification na Encadrement de la Jeunesse) gushakira hamwe ubundi bulyo bwiza bwarushaho gufasha ayo mashyirahamwe. Yasabye ko bakwiga ukuntu bakoresha amafranga ya B.A.D. (Bureau d'Aide au Développement) akabera ubwishingane (garantie) amashyirahamwe y'urubyiruko na za Koperative zishaka kwaka inguzanyo muli Banki z'Abaturage. Kugeza ubu amashyirahamwe y'urubyiruko aboneka mu gihugu cyacu amenshi ni ay'ubuhinzi. Kubera ko ay'ubukolikoli akili make cyane, dukwiye gushakisha ubulyo yakwiyongera kandi tukayatera inkunga.
Imfashanyo dusaba hanze inyinshi zali zikwiye gushyirwa mu mashyirahamwe y'urubyiruko. Dukwiye rero kuzishakishiliza henshi.
Mu butumwa buteganyijwe gukorwa mu mahanga twali dukwiye guhitamo cyane cyane ubwatuma tujya kureba uko ahandi bakora n'uko birwanaho kugirango babonera akazi urubyiruko.

Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ibifashijwemo na Ministeri y'Inganda, Mine n'Imyuga zikwiye kwiga ukuntu mu nganda no mu myuga havukamo akazi kenshi urubyiruko rwashobora gukora; zikiga n'ukuntu ibikorwa bya "secteur non structuré" byakwizwa no mu cyaro.
Ibikorwa by'Imilyango y'Urubyiruko iyoborwa akenshi n'abihaye imana bikwiye gushyigikirwa kurushaho. Ministeri ubusanzwe itanga imfashanyo y'ibikoresho nk'amasuka, ingorofani, amapiki, mabati, isima n'ibindi.
Hagomba aliko itegeko lisobanura neza uko iyo milyango ikorana na Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative mu byerekeye gushyigikira ibigo cyangwa amashyirahamwe y'urubyiruko.

Politiki ya "Chantier des Jeunes" nayo ikwiye gukulikiranwa. Iyo politiki igamije kwigisha urubyiruko mu Kigo, guhugura abagize amashyirahamwe y'urubyiruko akorera hafi y'ikigo no gufasha ayo mashyirahamwe kugulisha umutungo wayo. Ilyo hugurwa ly'urubyiruko likwiye kandi gukorerwa kenshi mu bigo bya IGA; rugahugurwa cyane cyane mu bulyo bwo gushinga amashyirahamwe, uko agomba gukora n'ubulyo bwo gucunga neza umutungo wayo.
Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli Komini agomba gutegura programu y'ilyo hugurwa ligomba kureba ahanini urubyiruko rusohoka muli za C.F.J. na za CERAI. Agomba kandi gusura urwo rubyiruko aho rukorera kugirango arugire inama. Gushakira urubyiruko rurangije kwiga muli za CERAI icyo rwakora n'ikifuzo cy'Umukuru w'Igihugu.

.../...

- Ibyo bireba ahanini Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative. Niyo mpamvu abakozi babishinzwe bakwiye kwiga ukuntu hashyirwaho za "atelier" urubyiruko rwakoreramo hafi ya za CERAI kugirango zikulikirane imikorere yazo. Igikorwa cya Ministeri cyaba icyo gufasha urubyiruko iruha ibikoresho by'ifatizo. Hazigwa ukuntu ibyo bikoresho byasaranganywa muli izo atelier kandi bigatangwa ku bulyo bw'inguzanyo.

- Kuyobora urubyiruko turutoza umuco

Kugeza ubu imikino n'imyidagaduro iragenda neza kandi yasakaye mu cyaro kandi n'urubyiruko rwarayitabiliye. Hafi amakomini yose afite amatorero.
Abashinzwe urubyiruko mu rwego rwa Komini na Prefegitura bakwiye guhera kuli ayo matorero kugirango barukoranyilize hamwe bagire icyo barukoresha cyarugilira akamaro.

Kugirango imilimo yo mu rwego rwa Prefegitura igende neza, hazashyirwaho umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative ufite nibura amashuli atatu makuru, ushoboye gukora programu y'akazi ashinzwe muli Prefegitura, agakora na programu z'abafasha be kandi akamenya no gucunga neza abakozi bose ashinzwe n'ibikoresho bivuye muli Ministeri cyangwa ahandi.
Hazashyirwaho kandi abafasha be babili :

umwe ushinzwe kureba ibyerekeye imikino n'imyidagaduro, n'undi ushinzwe kureba ibyerekeye za koperative n'amashyirahamwe y'urubyiruko.

Undi mukozi uteganyijwe ni umwanditsi.
Ministri yasabye abashinzwe kugenzura abo bakozi bo mu rwego rwa Prefegitura ko bareba abadashoboye akazi bahawe kugirango boherezwe gukora mu makomini bavukamo.
Abakozi bo muli Ministeri badashoboye akazi kabo nabo niko bizabagendekera.

II. Aho Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ihuliye n'izindi Ministeri n'uko zikwiye gufatanya.

1. Ministeri y'Inganda, Mine n'Imyuga

Iyo Ministeri ifite ibyo igonganiraho byinshi na Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative. Kubere ko ibigo by'urubyiruko byose byigisha imyuga, dukwiye gusaba Ministeri y'Inganda, Mine n'Imyuga kudufasha gutunganya Programu y'inyigisho zitangwa muli ibyo bigo.

Twayisaba kandi ko yakwereka amashyirahamwe y'urubyiruko aho yakura ibikoresho by'ifatizo mu karere urubyiruko ruvukamo, ikabifashwamo n'abayobozi b'urubyiruko na za Kopérative muli Komini.
Ikindi twayisaba n'uko yakomeza gufasha ayo mashyirahamwe kugulisha umusaruro wayo mu mazu yabiteganyilijwe.

.../...

2. Ministeri y'Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abaturage

Iyo Ministeri igerageza nayo gukangulira abali n'abategarugoli amajyambere y'igihugu, ibatoza gukorera mu mashyirahamwe.
Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative akwiye gutegura programu y'inyigisho zo guhugura abagize ayo mashyirahamwe muli I.G.A.
Dukwiye gusaba iyo Ministeri kudufasha gutegura Programu y'inyigisho zatangwa mu bigo by'urubyiruko mu byerekeye kwilinda kubyara indahekana, isuku n'ubuzima.

3. Ministeri y'Ubucamanza n'iy'Ingabo z'Igihugu

Izo Ministeri zikwiye gufatanya na Ministeri ishinzwe urubyiruko kumvisha ababyeyi n'urubyiruko uko bakwiye kurwanya uburara.
Dukwiye kwandikira izo Ministeri tuzisaba ko urubyiruko rufatwa mu mikwabo kandi ali kavukire ko muli Komini y'Umugi, rwahabwa Ministeri irushinzwe ikarushyikiliza Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli Komini na Prefegitura; nabo bakabajyana mu masegeteri bavukamo nyuma abana babishaka bakabajyana kwiga mu bigo by'urubyiruko, abakuze bakajya gukora muli "secteur non structuré".

Urubyiruko rw'inzererezi rwaturutse mu cyaro barwohereza mu makomini ruvukamo, Umuyobozi w'Urubyiruko akarwakira akarebera hamwe n'ubutegetsi bwa Komini icyo rwakora. Urubyiruko ruvuye mu bigo by'ingororamuco narwo rukwiye kwinjizwa mu mashyirahamwe y'urubyiruko akorera mu karere ruvukamo.

4. Ministeri y'Amashuli abanza n'ayisumbuye

Kuberako iyo Ministeri ifite za CERAI zigisha urubyiruko rwarangiza rukitabwaho na Ministeri y'Urubyiruko na za Koperative, Ministeri zombi zikwiye gufatanya, binyujijwe kubayobozi b'urubyiruko na za Koperative, zikareba ibyo urwo rubyiruko ruzi gukora kugirango nizisanga bidashimishije, programu y'inyigisho isubirwemo.

Politiki yo gushinga za "atelier" hafi ya za CERAI kugirango urubyiruko rurangije kwiga rubone aho rukorera, ikwiye gukulikiranwa.
Ubwo bufatanye bugomba kugaragazwa cyane mu nama zikoreshwa na za Ministeri.
Ministri yaboneyeho umwanya wo kwibutsa abayobozi bakuru b'imilimo ko bagomba kuzajya bohereza umuntu uhagaralira Ministeri mu nama zose babatumiyemo; igihe ntawagiyeyo nibo bizajya bibazwa.
Yasabye kandi ko hatangwa amabwiliza asobanulira abayobozi b'urubyiruko na za Koperative ibyo Ministeri iteganya gukora kugirango nabo babisobanulire abandi.

III. Ku byerekeye abakozi bajya mu butumwa bwa Ministeri mu gihugu hagati, Ministri yatanze amabwiliza akulikira :

- Umukozi wese ugiye mu butumwa agomba kumenya mbere na mbere ko agiye ali intumwa ya Ministeri yose. Niyo mpamvu agomba kumva ibibazo byose bireba Ministeri ibyo ashoboye akabisubiza ibindi akabishyikiliza ababishinzwe muli Ministeri kugirango babisubize.

.../...

- Uwo mukozi agomba kwiyereka abategetsi ba Prefegitura akabasobanulira ikimugenza. Agomba gukorana n'Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative muli Prefegitura kugirango amuyobore kandi amuhe ibisobanuro akeneye.
- Igihe umukozi agiye muli Komini agomba kuramutsa Burugumestri akamubwira icyo aje gukora. Nyuma agomba gukora akanama n'umuyobozi w'urubyiruko na za Koperative kugirango amusobanulire akazi aje gukora, anamubaze programu y'ibyo akora muli Komini n'ukuntu ashyira mu bikorwa amabwiliza atangwa na Ministeri n'ingorane ahura nazo.

Tugomba kumvisha ba Burugumestri na ba Prefe ko urubyiruko ali urwabo atali urwa Ministeri, ko alibo bagomba kurushakira icyo rwakora, bakaruyobora kandi bakarugira inama; Ministeri bagomba kuyiyambaza nyuma.

IV. <u>Ku byerekeye ibarura ly'ibikorwa bishobora guha urubyiruko akazi mu gihugu, Ministri yasobanuliye abakozi uko liteganyijwe gukorwa naho programu yo kulikora igeze.</u>

Yababwiye ko ubulyo bwali buteganyijwe mbere budahwitse kuko gufata abakozi ba Ministeri bakajya mu makomini kuzuza amafishi aliho ibibazo bitatuma abategetsi ba Komini na Prefegitura, n'urubyiruko ubwarwo bumva ko akazi gakorwa ali akabo. Ubulyo bwemejwe rero ni ubwo gukora ibarura duhereye muli segiteri z'amakomini. Muli buli Komini hazashyirwaho Komisiyo izaba igizwe na :

- Burugumestri (Prezida)
- Agoronome wa Komini
- Umuyobozi w'Ibigo bya IGA
- Agronome
- Inspegiteri w'Akarere
- Umuyobozi w'Urubyiruko na za Koperative (umwanditsi)

Iyo Komisiyo izakora raporo y'ibisubizo byose byavuye muli za Komini inabyongeho ibindi bisobanuro nyuma yohereze raporo muli Ministeri kugirango Komisiyo y'igihugu iyisuzume.

Komisiyo y'igihugu izaba igizwe ahanini n'abakozi ba Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, izaba igizwe kandi n'abakozi bahagaraliye :

- Prezidansi ya M.R.N.D.
- Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini
- Ministeri y'Imigambi ya Leta
- Ministeri y'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba
- Ministeri y'Ubuzima n'Imibereho myiza y'Abaturage
- Ministeri y'Amashuli Abanza n'Ayisumbuye
- Ministeri y'Inganda, Mine n'Imyuga
- Ministeri y'Ubucamanza
- Ministeri y'Ingabo z'Igihugu
- Ministeri y'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga.
- Ministeri y'Abakozi b Leta n'Ihugurwa ly'Abakozi
- Ministeri y'Imilimo ya Leta n'Ingufu.

.../...

Iyo Komisiyo ishinzwe gutegura ibibazo bizoherezwa muli Komini, gukora programu y'ibarura, kugenzura uko likorwa mu gihugu no gukora raporo y'ibyo ibarura lyatanze muli rusange.

Ministri yarangije asaba abashinzwe gutegura ikiganiro cya Ministeri kinyura kuli Radio kurushaho kugitunganya, ikipe y'abakozi babishinzwe bakayongeramo abandi kugirango barusheho kumvisha abakulikira ibiganiro batanga ibyo Ministeri ikora n'ibyo iteganya gukorera cyane cyane urubyiruko.
Asaba abakozi bose gukaza umurego mu kazi bashinzwe kandi buli wese akihatira kumenya ibikorwa muli Ministeri kugirango abisobanulire abandi. Yibukije abakozi ko Ministri cyangwa abakuru b'imilimo batakora bonyine ngo babishobore; kugirango akazi karusheho kugenda neza rero hagomba ubwumvikane, umutima mwiza wa buli mukozi no gusaranganya neza akazi. Yishimiye ko muli rusange Ministeri ikora neza hakaba hali byinshi byahindutse abasaba gukomereza aho.
Yemereye abakozi ko mu minsi ili imbere azakomeza abasobanurira politiki ya Ministeri mu byerekeye guhugura urubyiruko mu bigo, mu byerekeye imikino n'imyidagaduro no mubyo guteza imbere amakoperative.

UMWANDITSI W'INAMA

MUGEMANGANGO Andreya.-

UMUYOBOZI W'INAMA

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini.-